Mbere y'uko umunyamakuru w'umunyamahanga ahabwa ikarita yabigenewe, agomba kubanza gutanga ibi bikurikira:

Before a foreign journalist is issued a press card, he / she is required to present the following:

Avant de se faire accorder une carte, tout journaliste étranger est tenu de fournir les éléments suivants:

1° Amafoto abiri (2) magufi y'amabara;

1° two coloured passport sized photographs;

1° deux photos passeport en couleur;

2° Fotokopi y'uruhushya rw'abajya mu mahanga;

2° a copy of a passport;

2° une copie de passeport;

3° Fotokopi ya viza uretse abo mu bihugu bidasabwa viza;

3° a copy of a visa except journalists from countries that benefit from visa waiver;

3° une copie de visa sauf pour les ressortissants des pays pour lesquels le visa n'est pas requis;

4° Fotokopi y'ikarita y'umunyamakuru yo mu gihugu aturukamo;

4° a copy of a press card of the country of origin;

4° une copie de carte de presse délivrée dans son pays d'origine;

5° Gitansi yishyuriyeho mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro, uretse abasonewe nk'uko biteganywa n'Iteka rya Minisitiri ufite Itangazamakuru mu nshingano ze.

5° a receipt of payment from Rwanda Revenue Authority except those exonerated as provided for by an Order of the Minister in charge of information.

5° un bordereau de paiement de la carte délivrée par l'Office rwandais des recettes sauf ceux qui en sont exonérés conformément à l'Arrêté du Ministre ayant l'information dans ses attributions.

Iyo karita itangwa mu gihe kitarengeje amasaha makumyabiri n'ane (24) y'akazi ku muntu umara igihe kitarengeje ukwezi; n'iminsi irindwi y'akazi (7) ku muntu umara igihe kiri hejuru y'ukwezi. Iyo ari igisubizo gihakana nacyo kigomba gutangwa bitarengeje ibihe bimaze kuvugwa.

The card shall be issued in a period not exceeding 24 business hours to a person who stays for a period not exceeding one month; and seven (7) days to a person who stays for a period that exceeds one month. In case of a negative response, it shall also be issued in the stated period.

Cette carte est délivrée dans un délai de vingt-quatre (24) heures ouvrables pour ceux qui effectuent un séjour ne dépassant pas un mois et de sept (7) jours ouvrables pour ceux qui effectuent un séjour de plus d'un mois. En cas de suite non favorable à la demande, les mêmes délais restent en vigueur pour donner la réponse.

Ingingo ya 9: **Kwamburwa by'agateganyo ikarita y'ubunyamakuru**

Inama Nkuru y'Itangazamakuru, ibyibwirije cyangwa ibisabwe n'ikigo cy'itangazamakuru, ishobora kwambura by'agateganyo umunyamakuru ikarita y'ubunyamakuru mu gihe:

1° yishe nkana ingingo z'iri tegeko cyangwa se amahame agenga imyitwarire y'abanyamakuru mu kazi ;

2° atagifite ubushobozi bwo gukora umwuga w'itangazamakuru byemejwe n'inama y'abaganga bemewe na Leta ;

3° atagifite ikigo cy'itangazamakuru akoreramo ku munyamakuru wasabiwe ikarita.

Article 9: Temporary withdrawal of the press card

The Media High Council may, upon request by a media enterprise, or on its own initiative, temporarily withdraw the press card from a journalist in case of:

1° any serious deliberate violation of provisions of this law or those of the journalists code of ethics;

2° loss of capacity of a professional journalist proved by an authorized medical doctor ;

3° not having any other media organ he or she works for in case of a journalist for whom the card was requested.

Article 9: Retrait temporaire de la carte de presse

Sur demande de l'entreprise de médias ou à l'initiative du Haut Conseil des Médias, ce dernier peut retirer temporairement au journaliste la carte de presse en cas de :

1° violation grave et délibérée, des dispositions de la présente loi ou celles du code de déontologie des journalistes;

2° incapacité d'exercer la profession de journaliste prouvée par un médecin agréé;

3° perte d'emploi auprès de l'organe de médias qui a délivré la carte de presse.

Mbere yo kwamburwa ikarita

Before withdrawing the press card, the

Avant le retrait de la carte de presse, une

y'ubunyamakuru, umunyamakuru ahabwa umwanya wo kwisobanura.

Mu gihe hagaragaye icyaha, urukiko rubifitiye ububasha rushobora gutegeka Inama Nkuru y'Itangazamakuru kwambura by'agateganyo ikarita y'ubunyamakuru.

Umunyamakuru uwo ari we wese utagikora uwo mwuga agomba gusubiza ikarita y'ubunyamakuru mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) y'akazi.

Ingingo ya 10: Uko Umunyamakuru **asubizwa ikarita y'ubunyamakuru**

Bitewe n'impamvu yatumye yamburwa ikarita, umunyamakuru asubizwa ikarita y'ubunyamakuru abisabye iyo :

1° byemejwe n'inama y'abaganga bemewe na Leta ko yakize indwara yamubuzaga gukora umwuga we;

2° yabonye ikindi kigo cy'itangazamakuru akorera;

3° arangije igihano cyo mu rwego rw'akazi yahawe.

journalist is given time to provide his /her explanations.

In case of an offence, the competent court may order the Media High Council to temporarily withdraw the press card from the offender.

Any journalist who is no longer exercising the profession is required to surrender his/her press card in a period not exceeding seven (7) business days.

Article 10: Procedures respected in surrendering the press card

Upon consideration of the reasons that led to withdrawal of the card, a journalist shall be given back his/ her press card upon request in case:

1° it is approved by a government authorised medical team that he / she has recovered from the sickness that hindered him / her from practising the profession;

2° he / she secured another media enterprise to work for;

3° he / she completes the administrative sanction awarded to him / her.

occasion de s'expliquer est donnée au journaliste.

En cas d'infraction, le tribunal compétent peut ordonner au Haut Conseil des Médias de retirer temporairement la carte de presse.

Tout journaliste n'exerçant plus la profession de journaliste est tenu de remettre la carte de presse dans un délai de sept (7) jours ouvrables.

Article 10: Procédures de remise de la carte de presse retirée

Les motifs de retrait de la carte étant considérés, un journaliste se fait remettre la carte de presse dans les cas suivants:

1° confirmation de la guérison de la maladie qui l'empêchait d'exercer son métier par une équipe de médecins agréés;

2° début de service dans une autre entreprise de médias;

3° fin de la sanction disciplinaire encourue.

Ingingo ya 11: Kwamburwa burundu **ikarita y'ubunyamakuru**

Inama Nkuru y'Itangazamakuru ibyibwirije cyangwa ibisabwe, yambura burundu ikarita y'ubunyamakuru umuntu wakoraga umwuga w'ubunyamakuru yaba umunyarwanda cyangwa umunyamahanga wahamwe na kimwe mu byaha bikurikira:

1° icyaha cy'ubugome;
2° icyaha cy'amacakubiri n'ivangura iryo ari ryo ryose.

Article 11: Permanent withdrawal of the press card

The Media High Council, at own initiative or upon request, shall permanently withdraw the press card from a practising journalist, whether a Rwandan or a foreigner who is convicted of one of the following offences:

1° crime;
2° divisionism and discrimination of any form.

Article 11: Retrait définitif de la carte de presse

Le Haut Conseil des Médias procède de sa propre initiative ou sur demande au retrait définitif de la carte de presse d'un journaliste rwandais ou étranger reconnu coupable de l'une des infractions suivantes:

1° un crime ;
2° toute forme d'infraction de divisionnisme et de discrimination.

UMUTWE WA III: INSHINGANO **Z'ABANYAMAKURU N'IBYO** BABUJIJWE

CHAPTER III: DUTIES AND RESTRICTIONS FOR JOURNALISTS

CHAPITRE III: OBLIGATIONS ET RESTRICTIONS POUR LES JOURNALISTES

Ingingo ya 12: Inshingano **z'umunyamakuru**

Umunyamakuru afite inshingano z'ingenzi zikurikira:

1° kumenyesha amakuru;

2° kwigisha abaturage, kubahugura no guteza imbere imyidagaduro;

3° guharanira ubwisanzure mu gutangaza amakuru, mu kugira icyo ayo makuru

Article 12: Responsibilities of a journalist

A journalist shall have to fulfil the following main responsibilities:

1° to disseminate information;

2° to educate, train people and promote leisure activities;

3° to defend the freedom of information, comment and analysing the existing

Article 12: Obligations du journaliste

Les obligations du journaliste sont principalement les suivantes :

1° informer;

2° éduquer, former la population et promouvoir les loisirs;

3° défendre la liberté de l'information, du commentaire et de la critique;

avugwaho no mu gusesengura ibiriho;

4° gutangaza amakuru afitiye gihamya;

5° guha ijambo buri ruhande ruvugwa mu nkuru;

6° gukosora inkuru yose yatangajwe bikaza kugaragara ko itari iy'ukuri;

7° kubahiriza ibiteganywa n'amategeko akurikizwa mu Rwanda;

8° kubahiriza imibereho bwite y'umuntu ku giti cye igihe cyose iyo mibereho idahura n'imirimo ashinzwe y'igihugu;

9° kubahiriza ibanga ry'imibereho bwite ya buri muturage;

10° kubahiriza uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge.

Ingingo ya 13: Ibyo Umunyamakuru abujijwe

Umunyamakuru abujijwe:

1°gukoresha uburyo bunyuranyije n'amategeko kugira ngo abone cyangwa atangaze amakuru, amafoto n'izindi nyandiko nk'igihe hagomba

information;

4° to publish verified information;

5° to give the floor to all parties subjected to the information;

6° to correct any published information that turns out to be false;

7° to comply with laws in force in Rwanda;

8° to respect people's privacy when such privacy does not interfere with their public duties;

9° to respect the confidentiality of every citizen's private life;

10° to respect rights to the intellectual property.

Article 13: Restrictions

A journalist shall be prohibited from:

1° using unlawful methods to obtain or to disseminate information, photographs and other documents like when it shall

4° publier des informations vérifiées ;

5° donner la parole à toutes les parties faisant l'objet de l'information;

6° rectifier toute information publiée qui se révèle inexacte ;

7° respecter les lois en vigueur au Rwanda ;

8° respecter la vie privée des personnes, dès lors que celle-ci n'interfère pas avec leurs charges publiques ;

9° respecter le secret de la vie privée de tout citoyen ;

10° respecter les droits à la propriété intellectuelle.

Article 13: Restrictions

Il est interdit au journaliste de :

1° user de méthodes illégales pour obtenir ou diffuser les informations, les photographies et les autres documents, en l'occurrence

kubahirizwa ibihangano, inyandiko z'abandi cyangwa gusaba uruhushya;	observed works, documents of others or request for authorisation;	lorsque il faut respecter les créations, les documents d'autrui ou la demande d'autorisation;
2° kwirengagiza amakuru ya ngombwa, guhindura ibitekerezo bikubiye mu nkuru cyangwa inyandiko iyi n'iyi;	2° neglecting essential information, distort ideas contained in an information or a text;	2° supprimer des informations essentielles, dénaturer les opinions contenues dans une information ou dans tel ou tel document;
3° kwitiranya umwuga w'umunyamakuru n'uwo kwamamaza;	3° confusing the profession of a journalist with that of an advertiser;	3° confondre le métier de journaliste avec celui de publicitaire;
4° gutangaza amafoto cyangwa inyandiko z'abandi uziyitirira;	4° publishing pictures or texts obtained through plagiarism;	4° publier les photos ou les textes obtenus par plagiat ;
5° gusesereza, gutukana no gusebanya;	5° slandering, abuse and defamation;	5° calomnier, injurier et diffamer;
6° gutanga ruswa no kuyakira;	6° offering corruption or being corrupted;	6° corrompre ou se laisser corrompre;
7° kurigisa no kwiba inyandiko, amajwi cyangwa amashusho byagombye gutangazwa no gukwirakwizwa ahandi;	7° diverting a printed or audiovisual document of which the rights of broadcasting and distribution belong to other people;	7° détourner un document imprimé ou audiovisuel dont les droits de diffusion et de distribution appartiennent à autrui ;
8° kwivanga mu buzima bwite bw'undi muntu hakoreshejwe itangazamakuru ari byo gufata amajwi, amafoto cyangwa amashusho yerekeye ubuzima bwe bwite no kuyatangaza nyirayo atabishaka;	8° interfering with one's privacy by using the media such as sound recording, taking pictures or images relating to one's privacy and publish them without one's consent;	8° s'immiscer dans la vie privée d'une personne à l'aide des médias, tels que l'enregistrement du son, la prise de photos ou d'images liées à sa vie privée et leur publication contre son gré ;
9° guca urubanza mu gihe atangaza amakuru.	9° make judgement while publishing information.	9° se mettre à la place du juge au moment de publication d'une information.

Ingingo ya 14: Ibyo umunyamakuru abujijwe gutangaza

Uburenganzira bwo kumenya cyangwa gutangaza inyandiko zivuye mu butegetsi nyubahirizategeko, mu butegetsi bw'ubucamanza cyangwa mu butegetsi nshingamategeko bushobora kugabanywa mu gihe hagomba kubahirizwa:

1°ibanga ry'umutekano w'igihugu n'iry'ubusugire bw'igihugu;

2° ibanga ry'impaka z'ubucamanza, iz'Inteko Ishinga Amategeko zibereye mu muhezo, iz'inama y'Abaminisitiri n'iz'abandi bayobozi bo mu butegetsi nyubahirizategeko.

Icyemezo cyo kwimana amakuru cyangwa kuyabuza gutangazwa gishobora kuregerwa mu Rukiko. Icyo gihe, urubanza ruburanishwa mu buryo bw'ibirego byihutirwa.

Article 14: Forbidden publications

The right to know or to publish documents from executive, judicial or legislative powers may be limited where necessary on considering:

1° confidentiality in the national security and national integrity;

2° confidentiality of judicial proceedings, parliamentary sessions in camera, Cabinet deliberations and the trusted authorities coming under the executive.

Decision to limit access to information or publication may be subject to proceedings to a competent court that hears the case as an urgent matter.

Article 14: Publications interdites

Le droit de prendre connaissance ou de diffuser des documents émanant des pouvoirs exécutif, judiciaire ou législatif peut être limité si cela est nécessaire en considération :

1° du secret de la défense nationale et de l'intégrité du territoire national ;

2° du secret des délibérations judiciaires, des sessions parlementaires à huis clos ainsi que du Conseil des Ministres et celles des autres autorités du pouvoir exécutif.

La décision de limiter l'accès à l'information ou la diffusion peut faire l'objet d'un procès devant le Tribunal et en référé.

Ingingo ya 15: Imyanzuro ibujijwe gutangazwa

Bitabangamiye uburenganzira bwo gutangaza inkuru cyangwa ibitekerezo ku bibazo byageze mu nkiko, birabujijwe gutangaza imyanzuro yafatiwe mu rukiko mbere y'uko urubanza rusomwa mu ruhame.

Article 15: Decisions not to be published

Without prejudice to the right of communicating information and ideas on issues brought before courts, it is prohibited from publishing the court's decisions before they are delivered in public.

Article 15: Décisions à ne pas publier

Sans préjudice du droit de communiquer des informations et des idées sur les questions portées à la connaissance des tribunaux, il est interdit de publier les décisions des tribunaux avant qu'elles aient été prononcées en public.

UMUTWE WA IV: UBWISANZURE **BW'ITANGAZAMAKURU**

Ingingo ya 16: Ubwisanzure bwo kumenya **amakuru n'ubwo kuy**atangaza

Ubwisanzure bw'itangazamakuru n'ubwo kumenya amakuru buremewe kandi bwubahirizwa na Leta. Ubwo bwisanzure bukoreshwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

Buri munyamakuru afite ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo; ubwo burenganzira bukubiyemo ubwisanzure bwo gutara, kwakira, gutanga no gutangaza amakuru n'ibitekerezo hakoreshejwe uburyo bunyuranye bw'itangazamakuru.

Ingingo ya 17: Aho ubwisanzure bwo **kugaragaza ibitekerezo n'ubwo kumenya** amakuru bugarukira

Kuburizamo inkuru ntibyemewe.

Icyakora ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo kumenya amakuru ntibugomba kubangamira ituze rusange rya rubanda n'imyifatire iboneye, uburenganzira bwa buri muntu bwo kugira icyubahiro n'agaciro mu maso y'abandi n'ubwo kutagira

CHAPTER IV: FREEDOM OF THE MEDIA

Article 16: Freedom to receive and broadcast information or opinions

Freedom of the media and freedom to receive information are authorised and recognised by the State. Such freedom shall be applicable in accordance with legal provisions.

Any journalist has the freedom to express opinions; this freedom includes the right to gather, receive, give and broadcast information or opinions by means of the media.

Article 17: Limits to freedom of opinions and information

Censorship of information is not allowed.

However, the freedom to express one's opinions and be informed should not jeopardize the peace of the general public and good morals, and the citizen's right to honour and good reputation among other people, to inviolability of one's private life and family;

CHAPITRE IV: LIBERTE DES MEDIAS

Article 16: Liberté de recevoir et de diffuser des informations

La liberté des médias et celle de recevoir les informations sont autorisées et reconnues par l'Etat. Cette liberté est utilisée conformément aux dispositions légales.

Tout journaliste jouit de la liberté d'exprimer ses opinions; cette liberté comprend les prérogatives de collecter, recevoir, donner et diffuser des informations ou des opinions par le moyen des medias.

Article 17**: Limites à la liberté d'opinions et d'information**

La censure de l'information n'est pas autorisée.

Cependant la liberté d'opinions et le droit à l'information ne doivent pas nuire à l'ordre public et aux bonnes mœurs, au droit du citoyen à l'honneur et à sa réputation devant les autres citoyens, au droit à ne pas faire l'objet d'immixtion arbitraire dans sa vie

uwivanga mu mibereho ye bwite n'iy'umuryango we; bwemerwa kandi iyo butabangamiye agaciro k'umugore n'irengerwa ry'abana n'urubyiruko.

besides, freedom of expression shall be recognized where it is not detrimental to the woman's value and the protection of children and the youth.

privée, sa famille ; en outre la liberté d'opinions est reconnue tant qu'elle ne nuit pas à la valeur de la femme et à la protection de la jeunesse et de l'enfance.

Ingingo ya 18: Uburenganzira bwo gushinga **ikigo cy'itangazamakuru**

Article 18: Right to establish a media enterprise

Article 18: Droit de cré**ation d'**une entreprise de médias

Uburenganzira bwo gushinga ikigo cy'itangazamakuru bwemerewe buri muntu wese cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi mu gihe hubahirijwe ibikubiye muri iri tegeko.

The right to establish a media enterprise is recognized to any person or entity with legal personality within the confines of this Law.

Le droit de créer une entreprise de médias est reconnu à toute personne physique ou morale jouissant de la personnalité juridique dans le respect des dispositions de la présente loi.

UMUTWE WA V: UBURENGANZIRA **BW'ABANYAMAKURU**

CHAPTER V: RIGHTS FOR JOURNALISTS

CHAPITRE V: DROITS DES JOURNALISTES

Ingingo ya 19: Uburenganzira bwo gutara amakuru

Article 19: Right to collect information

Article 19: Droit de collecte d'information

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 14 y'iri tegeko, umunyamakuru afite uburenganzira busesuye bwo kugera aho ariho hose yakura inkuru, bwo gupererezа mu bwisanzure ku bintu birebana n'imigendekere y'igihugu kandi akanabitangaza hubahirizwa ibiteganywa n'iri tegeko n'andi mategeko.

Notwithstanding provisions of Article 14 of this law, a journalist shall have free access to all sources of information and the right to freely inquire on all events of public life and to publish them in respect of the provisions of this Law and other laws.

Sous réserve des dispositions de l'article 14 de la présente loi, un journaliste a libre accès à toutes les sources d'information et a droit d'enquêter librement sur tous les faits de la vie publique et de les publier tout en respectant les dispositions de la présente loi et des autres lois.

Ingingo ya 20 **: Iyubahirizwa ry'ibanga ry'U**munyamakuru

Article 20: Respect of a journalist confidentiality

Article 20: Respect du secret professionnel du journaliste

Ibanga ry'umunyamakuru rigomba

Professional journalist confidentiality is

Le secret professionnel du journaliste lui est

kubahirizwa ku birebana n'aho yataye inkuru, aho yakuye ibyo yanditse, ibyo yafashe mu majwi cyangwa mu majwi n'amashusho cyangwa ibyo yafotoye, kimwe n'inkuru yataye akayibika ku buryo bw'ikoranabuhanga.

guaranteed to him / her as regards his / her sources of information, notes, recordings or film shooting as well as all information collected and stored electronically.

garanti quant aux sources de ses informations, de ses notes, de ses enregistrements ou ses prises de vue ainsi que toute information collectée et emmagasinée électroniquement.

Icyakora, urukiko rushobora gutegeka umunyamakuru kuvuga aho yakuye amakuru, igihe bibaye ngombwa ko hakorwa iperereza cyangwa ikurikiranabyaha.

However, the court may order a journalist to reveal his / her sources of information whenever it is considered necessary to carry out criminal investigations or proceedings.

Toutefois, le tribunal peut ordonner au journaliste de révéler la source d'information lorsqu'il est jugé nécessaire de mener des enquêtes et des poursuites pénales.

Ingingo ya 21: Uburenganzira **bw'umunyamakuru bwo kwitabaza undi muntu n'abamuha amabwiriza**

Article 21: Right to call on any resourceful person and those who provide instructions

Article 21: Droit du journaliste en matière de conseils et de directives

Umunyamakuru mu mwuga we ashobora kwitabaza umuntu wese abonamo ubushobozi buhagije kugira ngo asesengure cyangwa agire icyo avuga ku nkuru iyo ariyo yose. Ntashobora ariko kuryozwa ibyo uwo muntu yavuze bigatangazwa uko biri.

A journalist, in his or her profession, may seek advice from any resourceful person whom he or she considers sufficiently competent to analyse or comment on any information. However, he or she shall not be liable for any comments of such a person which were forwarded by his or her interlocutor when reported verbatim.

Le journaliste, dans l'exercice de sa profession, a le droit de faire appel dans le cadre de son travail à toute personne qu'il juge suffisamment compétente pour analyser ou commenter un événement donné. Il ne peut toutefois être tenu responsable des propos avancés par son interlocuteur et rapportés textuellement.

Umunyamakuru afite uburenganzira bwo kwanga igitutu icyo ari cyo cyose kandi ahabwa amabwiriza n'abayobozi b'ubwanditsi bw'ikinyamakuru cyangwa igitangazamakuru akorera gusa.

Every journalist has the right to refuse any pressure and he or she shall be issued with instructions only by the editorial or publication director.

Le journaliste a le droit de refuser toute pression et n'accepter de directives rédactionnelles que des responsables de la rédaction ou de la publication qui l'emploient.

Ingingo ya 22: Uburyo umunyamakuru asaba kurenganurwa

Umunyamakuru urenganyijwe mu burenganzira yemerewe muri iri tegeko ashobora kwitabaza Inama Nkuru y'Itangazamakuru, nayo igakemura icyo kibazo mu bwumvikane.

Iyo uwo munyamakuru atanyuzwe ashobora gutanga ikirego mu rukiko rubifitiye ububasha.

Article 22: Right to refer to courts

A journalist whose rights are not respected as this Law provides may seek advice from the Media High Council which is required to settle the issue amicably.

In case the journalist is not satisfied, he / she may seize a competent court.

Article 22: Voie de recours du journaliste

Tout journaliste lésé dans ses droits qui lui sont reconnus par la présente loi peut introduire son recours au Haut Conseil des Médias qui, à son tour, règle le problème à l'amiable.

Lorsque le journaliste n'est pas satisfait, il peut saisir une juridiction compétente.

INTERURO YA III: IMIKORERE **Y'IBITANGAZAMAKURU**

TITLE III: FUNCTIONING OF THE MEDIA ORGANS

TITRE III: FONCTIONNEMENT DES ORGANES DE MEDIAS

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya 23: Ubuyobozi **bw'igitangazamakuru**

Buri gitangazamakuru kigomba kugira Nyiracyo, Umuyobozi wacyo n'Umwanditsi Mukuru. Umuyobozi n'Umwanditsi Mukuru bagomba kuba ari abanyamakuru b'umwuga. Umuyobozi wacyo niwe ugihagararira imbere y'amategeko.
Mu gihe Umuyobozi adahari, asimburwa n'Umwanditsi Mukuru.

Article 23: Media organ management

Every media organ shall have its Owner, a Publishing Director and a Chief-Editor. The Publishing Director and the Chief-Editor shall be professional journalists. The Publishing Director of a media publication is also its legal representative.
Whenever the Publishing Director is absent, he / she is replaced by the Chief-Editor.

Article 23**: Direction d'un organe de** médias

Tout organe de médias doit avoir un Propriétaire, un Directeur de publication et un Rédacteur en Chef. Le Directeur de publication et le Rédacteur en Chef doivent être des journalistes professionnels. Le Directeur de publication en est aussi le Représentant légal.
Lorsque le Directeur de publication est absent, il est remplacé par le Rédacteur en Chef.

Ingingo ya 24: Ibisabwa mu gutangiza igitangazamakuru

Mbere yo gutangiza igitangazamakuru, Nyiracyo cyangwa Umuyobozi wacyo agomba kubisaba mu nyandiko Inama Nkuru y'Itangazamakuru. Iyo igitangazamakuru ari icya Leta, umuyobozi w'urwego rwa Leta rushaka kugitangiza cyangwa umuyobozi wacyo wagenwe n'urwego rubifitiye ububasha niwe ubisaba Inama Nkuru y'Itangazamakuru.

Inyandiko isaba igomba kugaragaza ibi bikurikira:

1° umwirondoro wuzuye wa nyir' igitangazamakuru iyo ari umuntu ku giti cye cyangwa amategeko ashinga umuryango iyo igitangazamakuru ari icy'umuryango wemewe n'amategeko ;

2° umwirondoro wuzuye w'Umuyobozi n'uw'Umwanditsi Mukuru;

3° inyandiko y'icyemezo kigaragaza ko ikigo cy'itangazamakuru cyanditswe mu gitabo cy'ubucuruzi, iyo icyo gitangazamakuru kigamije ubucuruzi;

4° icyemezo cy'ubutabera kigaragaza ko Umuyobozi n'Umwanditsi Mukuru

Article 24: Requirements to launch a media organ

Before launching any media organ, its owner or its Publishing Director shall file a written application to the Media High Council. If it is the Government owned Media Organ, it shall be the Authority of the Institution wishing to launch it or its Director appointed by the relevant organ who files the application to the Media High Council.

The application shall include the following items:

1° detailed identity of the owner of the media organ where it is an individual or the charter establishing the media organ where it belongs to some legal entity;

2° detailed identity of the Publishing Director and of the Chief-Editor;

3° document certifying that a print media enterprise is registered in the trade register in case such a media organ is business oriented;

4° criminal record for the Publishing Director and the Chief-Editor;

Article 24: Conditions de lance**ment d'**un organe de médias

Avant de lancer un organe de médias, son propriétaire ou son Directeur doit en faire la demande écrite au Haut Conseil des Médias. Lorsqu'il s'agit de l'Organe de médias de l'Etat, c'est l'Autorité de l'Institution souhaitant lancer l'organe ou son Directeur désigné par l'organe compétent qui fait la demande au Haut Conseil des Médias.

La demande écrite doit comporter les éléments suivants :

1° l'identité complète du propriétaire de l'organe de médias s'il s'agit d'une personne physique, ou l'acte constitutif s'il s'agit d'une publication appartenant à une personne morale;

2° l'identité complète du Directeur de publication et celle du Rédacteur en Chef;

3° le document certifiant que l'entreprise de médias est enregistrée au registre de commerce lorsqu'il s'agit d'un organe de médias à caractère commercial;

4° extrait du casier judiciaire pour le Directeur de publication et le Rédacteur en

batafunzwe cyangwa bafunzwe n'icyo bafungiwe ;		Chef ;
5° icyemezo cy'uko Umuyobozi n'Umwanditsi Mukuru bafite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;	5° certificate testifying that the Publishing Director and the Chief-Editor have at least (21) years old;	5° les certificats attestant que le Directeur de publication et le Rédacteur en Chef ont au moins (21) ans accomplis ;
6° izina ry'Igitangazamakuru ;	6° the title of the media organ;	6° le titre de l'organe de médias;
7° inyandiko igaragaza umurongo igitangazamakuru kizafata;	7° terms of reference clarifying the editorial line which the publication is to adopt;	7° un cahier des charges précisant la ligne éditoriale ;
8° imari shingiro y'igitangazamakuru;	8° registered capital of the publication;	8° le capital social de l'organe de médias;
9° aho Ikigo cy'Itangazamakuru kibarizwa;	9° address of the press enterprise;	9° l'adresse de l'organe de médias;
10° imiterere y'Ikinyamakuru;	10° description of the publication;	10° la description de la publication ;
11° igihe Ikinyamakuru gisohokera n'ingengabihe ku bitangazamakuru bikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho;	11° periodicity of the publication and broadcasting programme for audiovisual media organs;	11° la périodicité de la publication de médias et le programme de diffusion pour les organes de médias audiovisuels;
12° ururimi cyangwa indimi zizakoreshwa;	12° language (s) of the publication;	12° la (les) langue (s) qui seront utilisées;
13° ubushobozi bw'ibikoresho bisakaza amajwi cyangwa amajwi n'amashusho;	13° Capacity of audio-visual transmitting equipments.	13° la puissance des équipements de diffusion audiovisuelle.
Imari shingiro y'igitangazamakuru igenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite itangazamakuru mu nshingano ze, amaze kubijyaho inama n'Inama	The capital of a media organ shall be determined by an Order of the Minister in charge of information after consultation with	Le capital social de l'organe de médias est déterminé par Arrêté du Ministre ayant l'information dans ses attributions après

Nkuru y'Itangazamakuru.

Mu gihe ari igitangazamakuru cya Leta, ibisabwa mu gace ka mbere n'aka 3 tw'iyi ngingo ntibyitabwaho.

Ingingo ya 25: Ibisabwa umunyamakuru **w'u**munyarwanda wifuza guhagararira **igitangazamakuru cy'amahanga mu** Rwanda

Umunyamakuru w'umunyarwanda wifuza guhagararira igitangazamakuru cy'amahanga mu Rwanda abisabira uburenganzira mu Nama Nkuru y'Itangazamakuru.

Uretse ibaruwa imusabira guhagararira icyo gitangazamakuru yandikwa kandi igashyirwaho umukono n'Umuyobozi w'icyo gitangazamakuru, uyu munyamakuru agengwa n'iri tegeko ku birebana n'ibisabwa ku bandi banyamakuru b'Abanyarwanda.

Ingingo ya 26: Icyemezo gihabwa usaba gutangiza igitangazamakuru

Mu gihe kitarenze ukwezi kubarwa uhereye ku munsi inyandiko isaba yakiriwe, Inama Nkuru y'Itangazamakuru igomba guha uwasabye gutangiza igitangazamakuru igisubizo cyemera, gihakana cyangwa kimumenyesha

the Media High Council.

When it is a government owned media organ, requirements under items 1 and 3 shall not apply.

Article 25: Requirements for a Rwandan journalist who intends to represent a foreign media organ in Rwanda

A Rwandan journalist who intends to be a correspondent for a foreign media organ in Rwanda shall apply for permission to do so to the Media High Council.

In addition to the application letter for the representation of the said media organ written and signed by the Director of the press organ, the correspondent shall be governed by this Law as regards the requirements of other Rwandan journalists.

Article 26: Document given to the applicant who intends to launch a media organ

In a period not exceeding one month from receipt of the application letter, the Media High Council shall give its positive or negative response to the applicant or to inform him / her of the elements that are missing in the

concertation du Haut Conseil des Médias.

Lorsqu'il s'agit d'un organe de médias de l'Etat, les éléments requis aux points 1 et 3 ne s'appliquent pas.

Article 25: Conditions requises pour un journaliste rwandais désireux d**'être correspondant d'un** organe de médias étranger au Rwanda

Un journaliste rwandais désireux d'être correspondant d'un organe de médias étranger au Rwanda en fait la demande au Haut Conseil des Médias.

Outre la présentation de la lettre de demande d'être correspondant de cet organe de médias écrite et signée par le Directeur de cet organe, ce journaliste est régi par la présente loi concernant les conditions auxquelles d'autres journalistes rwandais sont soumis.

Article 26: Document donné au requérant souhaitant lancer un organe de médias

Dans une période ne dépassant pas un mois à compter de la réception du dossier de demande, le Haut Conseil des Médias doit avoir donné au requérant une réponse positive, négative ou l'informer des éléments manquant au dossier.

ibibura. Icyemezo gihakana kigomba kwerekana impamvu zatumye gifatwa.

Iyo nyir'igitangazamakuru cyangwa Umuyobozi wacyo asabwe kuzuza inyandiko y'ubusabe, ahabwa igihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi ibarwa uhereye igihe inyandiko isaba yakiriwe.

Iyo Inama Nkuru y'Itangazamakuru idatanze igisubizo mu gihe cyagenwe muri iri tegeko, ikibazo gishyikirizwa Minisitiri ufite itangazamakuru mu nshingano ze, nawe akabifataho icyemezo mu minsi itarenze cumi n'itanu (15) y'akazi ibarwa uhereye igihe inyandiko y'usaba yakiriwe.

Iyo Minisitiri adatanze igisubizo mu gihe cyagenwe n'iri tegeko, nyir'igitangazamakuru ashobora gutangira.

Iyo uwifuza gutangiza igitangazamakuru atanyuzwe n'icyemezo cyafashwe n'Inama Nkuru y'Itangazamakuru, ikibazo gishyikirizwa Minisitiri ufite itangazamakuru mu nshingano ze, nawe akabifataho icyemezo mu minsi itarenze cumi n'itanu (15) y'akazi ibarwa uhereye igihe inyandiko y'usaba yakiriwe, usaba gutangiza ikinyamakuru atanyurwa akaregera urukiko rubifitiye

application. A negative response shall specify the grounds on which it was based.

Where the owner or Director of a media organ is required to complete the application file, he / she shall be given a period of fifteen (15) business days from the day of receipt of the application letter.

Where the Media High Council does not respond in the period specified in this Law, the matter shall be forwarded to the Minister in charge of information who shall in turn take an appropriate decision in a period not exceeding fifteen (15) business days starting from the day of receipt of the application letter.

.

Where the Minister does not respond in the period specified in this Law, the owner of the press organ may commence his / her operations.

Where a person who intends to start a media organ is not satisfied with the decision taken by the Media High Council, the matter shall be forwarded to the Minister in charge of information who shall in turn take a decision thereof in a period not exceeding fifteen (15) working days starting from the day of receipt of the application letter, and in case the applicant is not satisfied, he / she shall file a

Une réponse négative doit donner les raisons sur lesquelles elle s'est basée.

Lorsqu'il est demandé au propriétaire ou au Directeur de publication de remplir la demande, il lui est donné un temps n'excédant pas quinze (15) jours ouvrables à compter de la réception du dossier de demande.

A défaut de réponse par le Haut Conseil des Médias dans les délais prévus par la présente loi, l'affaire est portée devant le Ministre ayant l'information dans ses attributions pour décision dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables à compter de la réception du dossier de demande.

A défaut de réponse par le Ministre dans les délais prévus par la présente loi, le propriétaire de la publication peut procéder au lancement de son organe de médias.

Lorsque la personne désireuse de lancer un organe de médias n'est pas satisfaite de la décision prise par le Haut Conseil des Médias, l'affaire est portée devant le Ministre ayant l'information dans ses attributions pour décision dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables à compter de la reception du dossier de demande. Lorsqu'elle n'est pas satisfaite de la décision du Ministre, elle saisit

ububasha.

Ingingo ya 27: Utemerewe kuba Umuyobozi cyangwa Umwanditsi Mukuru **w'igitangazamakuru**

Umuntu ufite ubudahungabanywa ntashobora kuba Umuyobozi cyangwa Umwanditsi Mukuru w'Igitangazamakuru.

UMUTWE WA II: ITANGAZAMAKURU RYANDIKA

Icyiciro cya mbere**: Iyandikwa ry'inkuru n'iyamamaza**

Ingingo ya 28: Ibigaragazwa muri buri no**mero y'Ikinyamakuru**

Buri kinyamakuru kigomba kugaragaza amazina y'Umuyobozi n'ay'Umwanditsi Mukuru, n'aho babarizwa muri buri nomero yacyo.

Ingingo ya 29: Uburyo bwo gutangaza amafoto cyangwa inyandiko

Inyandiko z'ikinyamakuru zishyirwaho umukono n'abazanditse.

Abanditsi batanga inyandiko ziriho amazina

suit to the competent court.

Article 27: Person not entitled to be a Publishing Director or a Chief-Editor

A person who enjoys immunity shall not be a Publishing Director or a Chief-Editor of a media organ.

CHAPTER II: PRINT MEDIA

Section One: Writing articles and advertisement

Article 28: Items to be clarified in each newspaper or periodical

Each newspaper or periodical shall bear the full names of its Publishing Director and its Chief Editor and their full addresses on each copy.

Article 29: Ways of publishing photos and articles

Articles in the newspaper or periodical must bear the signature of their authors.

Authors who use pen names are obliged to

une juridiction compétente.

Article 27: Personne ne pouvant pas être D**irecteur ou Rédacteur en Chef d'un** organe de médias

Toute personne jouissant d'une immunité ne peut être Directeur ou Rédacteur en Chef d'un organe de médias.

CHAPITRE II: MEDIAS ECRITS

Section première: R**édaction d'articles et** publicité

Article 28: Eléments à clarifier dans chaque journal ou périodique

Tout journal ou périodique doit comporter les noms et les prénoms du Directeur de Publication et du Rédacteur en Chef ainsi que leurs adresses dans chacune de ses éditions.

Article 29: Mode de publication des photos et des articles

Les articles d'un journal ou d'un périodique sont signés par leurs auteurs.

Les auteurs qui utilisent des pseudonymes sont

y'amahimbano bagomba kumenyesha mu nyandiko Umuyobozi w'Ikinyamakuru umwirondoro wabo w'ukuri mbere y'uko inyandiko zabo zihabwa umwanya mu kinyamakuru.

disclose in writing, before their articles are inserted in the newspaper, their true identity to the Publishing Director.

tenus de donner par écrit, avant l'insertion de leurs articles, leurs véritables identités au Directeur de publication.

Amafoto cyangwa inyandiko bitangajwe bikuwe ahandi bigomba kwandikwaho amazina y'ukuri cyangwa ikiranga uwayafashe cyangwa uwanditse inkuru cyangwa iby'uwatanze uburenganzira bwo gutubura amafoto cyangwa gukoporora inyandiko.

Photographs or articles published from a separate edition shall bear the true names or the true identity of the person who received the photos or an author of the article or of the owner of the copyright.

Les photographies ou les écrits publiés par reproduction d'une édition autonome doivent porter le vrai nom ou la marque de l'auteur ou du cessionnaire du droit de reproduction ou de la multiplication.

Ingingo ya 30 : **Ikurikiranwa ry'uwatanze inyandiko iriho izina ry'i**rihimbano

Mu gihe umwanditsi w'inkuru iriho izina ry'irihimbano akurikiranywe n'inzego z'ubutabera, Umuyobozi w'Ikinyamakuru yatangajwemo ashyikiriza izo nzego umwirondoro nyawo w'ukurikiranywe. Iyo bitagenze bityo, uwo Muyobozi ni we ukurikiranwa akitirirwa izo nyandiko.

Article 30: Prosecution of the author of an article bearing a pen name

Where the author of an article bearing a pen name is subject to judicial prosecutions, the Publishing Director may disclose to the competent authorities the true identity of the person being prosecuted. Otherwise, the Director shall be prosecuted and presumed the author of such an article.

Article 30: Poursuites con**tre l'auteur de l'article portant le pseudonyme**

Lorsque l'auteur de l'article portant le pseudonyme fait l'objet d'une poursuite judiciaire, le Directeur de publication doit révéler à la justice la véritable identité de l'auteur. Dans le cas contraire, il est présumé auteur de l'article incriminé.

Ingingo ya 31 **: Itangazwa ry'ibiciro by'iyamamaza**

Umuyobozi w'ikinyamakuru agomba gutangaza ibiciro ntarengwa by'iyamamaza muri buri nimero y'ikinyamakuru.

Article 31: Announcement of advertising rates

The Publishing Director of any press publication is required to announce the maximal rates in each issue of the newspaper.

Article 31: Publication du tarif de publicité

Le Directeur de publication doit publier, dans sa publication de médias, le tarif maximal de publicité dans son entreprise.

Ingingo ya 32 **: Ubutumwa bw'iyamamaza**

Ubutumwa bw'iyamamaza bugomba kuba butaziguye kandi bugenewe rubanda.

Iyamamaza rigomba kubanzirizwa n'amagambo "kwamamaza" cyangwa "kumenyesha.

Ingingo ya 33: Iyamamaza rikorewe ubuntu

Iyamamaza rikorewe ubuntu ntirigomba gushingira ku nyungu za politiki, iz'idini cyangwa iz'ubucuruzi.

Gahunda zishobora kwamamazwa ku buntu ni nk'izigamije ubutabazi, kwamamaza umuco nyarwanda, ubutabera, kurinda indwara, umutekano w'ibigendera mu muhanda, kwigisha no guteza imbere uburenganzira bwa muntu, uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo, ubumwe n'ubwiyunge no kwamagana ingengabitekerezo ya jenoside.

Ingingo ya 34 : Amasezerano ikinyamakuru **kigirana n'uwamamaza**

Amasezerano ikinyamakuru kigirana n'uwamamaza akurikiza amategeko asanzwe agenga amasezerano.

Article 32: Messages for advertising

Messages for advertising shall be direct and meant for the general public.

Every editorial advertisement shall be indicated as an "advertisement" or "announcement".

Article 33: Free advertisement

Free advertisement shall not base on political, religious or commercial considerations.

Programmes eligible for free advertisement are those involved in first aid activities, promotion of the Rwandan culture, justice, fight against diseases, road safety, teaching and promotion of human rights, gender balance, unity and reconciliation and fight against genocide ideology.

Article 34: Contract between a newspaper and any advertiser

The agreement between a newspaper or a periodical and any person advertiser shall be governed by existing laws on contract.

Article 32: Message publicitaire

Le message publicitaire doit être direct et se présenter comme une véritable publicité adressée au public.

La publicité rédactionnelle doit être précédée de l'indication **"**publicité **"** ou **"**communiqué**"**.

Article 33: Publicité gratuite

La publicité gratuite ne doit pas être fondée sur des considérations d'ordre politique, confessionnel ou commercial.

Peuvent notamment bénéficier de cette publicité gratuite les programmes relatifs aux premiers soins, à la promotion de la culture rwandaise, à la justice, à la lutte contre les maladies, à la sécurité routière, à l'enseignement et la promotion des droits de la personne, au genre, à l'unité et la réconciliation et à la lutte contre l'idéologie du génocide.

Article 34: Contrat entre une publication et un annonceur

Le contrat qui lie un journal ou périodique à un annonceur est régi par les règles ordinaires du droit des obligations.

Ikinyamakuru ntikibazwa ibikubiye mu byo cyamamaje, keretse igihe muri iryo yamamaza hagaragayemo uburiganya, gusebanya cyangwa bigaragaye ko rishobora gukurura amakimbirane.

No newspaper or periodical shall be responsible for the contents of any advertisements it publishes, except if there exists any fraud, defamation in the advertisement or if it may result in controversies.

Le journal ou périodique n'est pas responsable du contenu des annonces qu'il fait publier, sauf dans le cas où leur seule publication révèle une fraude, un dénigrement ou est à l'origine de controverses.

Ikinyamakuru gifite uburenganzira bwo kwanga kwamamaza ibi n'ibi mu gihe gisanga byatuma gikurikiranwa bikakiviramo ibihano cyangwa indishyi. Ikinyamakuru gishobora kwanga iyamamaza gisanze ibikubiyemo, byaba umurimo cyangwa igicuruzwa, inyandiko cyangwa igishushanyo, binyuranyije n'umurongo kigenderaho cyangwa byabangamira abasomyi bacyo.

A newspaper or a periodical has the right to refuse to advertise certain elements in case it is likely to engage it in criminal or civil liability. A newspaper may reject any advertisement offer whose content be it service or product, text or illustration is considered to antagonize its editorial guiding line options or likely to upset their customers.

Le journal ou périodique a le droit de refuser de faire telle ou telle publicité lorsque cette publicité est de nature à engager sa responsabilité pénale ou civile. Un journal ou périodique peut refuser une publicité dont il estime, de bonne foi, le contenu, qu'il soit un service ou un produit, un texte ou une illustration, contraire à sa ligne éditoriale ou de nature à indisposer sa clientèle.

Ingingo ya 35 : Umwihariko wo kwamamaza

Article 35*:* Exclusivity in advertisment

Article 35: Exclusivité de publicité

Uwamamaza ashobora kugira umwihariko wo kwamamaza ibicuruzwa cyangwa imirimo by'ubwoko bumwe.

An advertiser may have exclusive rights for advertising products or services of the same kind.

Un annonceur peut obtenir le bénéfice de l'exclusivité de publicité pour les produits ou les services de même nature.

Ikinyamakuru kiryozwa iyamamaza ritesha agaciro imirimo cyangwa ibicuruzwa by'undi muntu.

A newspaper or any periodical shall be responsible for any advertisement which denigrates services or goods of another person.

Le journal ou périodique répond de toute publicité de nature à dénigrer les services ou les produits de l'autre personne.

Icyiciro ya 2 : Icapa

Ingingo ya 36: Icapw**a ry'ikinyamakuru**

Ikigo cy'Itangazamakuru gishobora kugira icapiro ryacyo cyangwa se kikitabaza irindi capiro.

Icapiro rigomba kugaragaza amazina yaryo n'aho ribarizwa ku binyamakuru ryacapye byose.

Amasezerano y'icapwa nyir'ikinyamakuru agirana na nyiricapiro agengwa n'amategeko asanzwe agenga amasezerano n'amategeko agenga ubucuruzi.

Ingingo ya 37: Kugaragaza umubare **w'inyandiko zacapwe**

Umubare w'inyandiko zacapwe zigamijwe gukwirakwizwa wandikwa ku buryo bugaragara kuri buri kopi ya nomero y'ibinyamakuru byasohotse. Inama Nkuru y'Itangazamakuru ifite inshingano zo gukurikirana uko bishyirwa mu bikorwa.

Section 2: Printing

Article 36*:* Printery

A media enterprise may have a printer of its own or it may use another printing press.

A printery shall indicate its name and address on all printed products.

The printing contract between the publisher and the printer is governed by the rules and regulations relating to professional practices and provisions of the commercial law.

Article 37: Indicating the number of prints

The number of prints meant for distribution shall be visibly printed on each copy of a published newspaper or periodical. The Media High Council is responsible for enforcing this provision.

Section 2: Impression

Article 36: Impression d**'une publication**

L'entreprise de médias peut disposer de sa propre imprimerie ou recourir à une autre imprimerie.

L'imprimerie doit indiquer son nom et son domicile sur tous les imprimés rendus publics.

Le contrat d'impression entre l'éditeur et l'imprimeur est régi par les règles ordinaires du droit des obligations et par le droit commercial.

Article 37: Indication du nombre des imprimés

Le nombre des imprimés destinés à être distribués est imprimé de manière visible sur chaque édition des journaux ou périodiques publiés. Le Haut Conseil des Médias est chargé de veiller au respect de cette disposition.

Icyiciro cya 3: Ububiko butegetswe

Ingingo ya 38: Kugeza inyandiko mu bubiko butegetswe

Buri kigo cy'itangazamakuru gitegetswe kugeza mu bubiko bwabigenewe kopi z'ibinyamakuru byose byandikiwe mu Rwanda cyangwa mu mahanga bigenewe kugurishwa cyangwa gukwirakwizwa mu Rwanda.

Ububiko butegetswe bukorerwa:

1° mu rwego rufite ishyinguranyandiko mu nshingano zarwo ;

2° muri Minisiteri ifite itangazamakuru mu nshingano zayo ;

3° mu Nama Nkuru y'Itangazamakuru ;

4° mu Bushinjacyaha Bukuru bw'aho ikinyamakuru kibarizwa.

Ububiko butegetswe bukorwa hatanzwe kopi imwe y'ikinyamakuru cyasohotse mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) gisohotse mu icapiro, utanze iyo kopi agahabwa ako kanya icyemezo cy'uko bayakiriye.

Section 3: Registration of copyright

Article 38: Registration of copyright

Every media enterprise is subject to registration of its copyright for all local or foreign printed press publications made to be sold, circulated or availed for reproduction in Rwanda.

Registration of copyright is carried out in:

1° the institution holding documentation within its remit;

2° the Ministry in charge of information;

3° the Media High Council;

4° the Prosecution Office of the area where the media enterprise is located.

Registration of copyright for a media publication is done in one duplicate of the issued publication within a period not exceeding three (3) days after the publication. The depositor is given an acknowledgement of receipt.

Section 3: Dépôt légal

Article 38: Dépôt légal

Chaque entreprise de médias est astreinte au dépôt légal pour toutes les publications de médias écrits, nationaux ou étrangers, imprimées au Rwanda et destinées à y être vendues.

Le dépôt légal s'effectue :

1° au sein de l'institution ayant la documentation dans ses attributions;

2° au Ministère ayant l'information dans ses attributions ;

3° au Haut Conseil des Médias;

4° à l'organe de poursuite judiciaire du lieu du siège de la publication de médias.

Le dépôt légal d'une publication de médias s'effectue en cession d'un exemplaire de la publication, endéans trois (3) jours après la publication. Le déposant reçoit directement un accusé de réception.

Ibinyamakuru bishobora kugezwa mu bubiko butegetswe binyujijwe mu iposita, kashe y'iposita ikaba ikimenyetso cy'iyakira.

Registration of copyright may be done by post, with the date as postmark.

Le dépôt légal peut être effectué par voie postale, le cachet de la poste faisant foi.

Ibinyamakuru bibikijwe bigomba kuba bisa n'ibyatangajwe.

Registered copies shall be identical to circulated copies.

Les exemplaires déposés doivent être conformes à ceux mis en circulation.

Ingingo ya 39 **: Itangazwa ry'ikinyamakuru**

Article 39: Publication of a newspaper

Article 39: Publication du journal

Ikinyamakuru cyitwa ko gitangajwe mu gihe hari kopi zacyo zasohotse mu icapiro cyangwa ku rubuga rwa interineti rwacyo.

A newspaper or a periodical is considered to be published as soon as its copies are out of its printing media or on its website.

La publication est réputée publiée dès que ses exemplaires sortent de l'imprimerie ou sur son site internet.

Icyiciro cya 4: Kugurisha no gukwirakwiza ibinyamakuru

Section 4: Sale and distribution of publications

Section 4: Vente et distribution des publications

Ingingo ya 40: Ikwirakwizwa **ry'ibiny**amakuru

Article 40: Distribution of publications

Article 40: Distribution des publications

Buri kigo cy'itangazamakuru cyishingira kugurisha cyangwa gukwirakwiza ibinyamakuru byacyo gikoresheje uburyo bukinogeye, nko kubikoranyiriza hamwe bikagezwa hirya no hino mu gihugu, kubibunza no kubigurishiriza ahantu nyabagendwa cyangwa ku rubuga rwa interineti.

Every media enterprise shall ensure the distribution of its own newspapers and periodicals through its most appropriate means, like bulking in order to be distributed all over the country, hawking and selling in a public place or on the website.

Toute entreprise de médias assure elle-même la distribution de ses propres journaux ou périodiques par les moyens qu'elle estime les plus adéquats, en l'occurrence par voie de groupage et par messageries, colportage et vente sur la place publique ou sur le site internet.

Ingingo ya 41: Ibisabwa uwifuza kubunza, gukwirakwiza no gucuruza ibinyamakuru

Buri wese wifuza gukora umwuga wo kubunza, gukwirakwiza no gucuruza ibinyamakuru akabikorera ahantu nyabagendwa cyangwa ahandi hantu hose, agomba kubimenyesha Ubuyobozi bw'Umurenge akoreramo.

Ibaruwa ibimenyesha igomba kuba irimo umwirondoro wuzuye wa nyirayo naho abarizwa. Ahabwa ako kanya icyemezo cy'iyakira.

Article 41: Requirements to a person who intends to work as a hawker, a distributor or a vendor of media publications

Any person who intends to work as a hawker, a distributor or a vendor of media publications in a public place or in any other place is required to inform the Administration of the Sector in which he / she operates.

The application letter shall mention the identity and full address of the applicant. He / she shall be issued with an acknowledgement of receipt.

Article 41: Conditions pour une personne **désireuse d'exercer la profession de** colporteur, distributeur ou vendeur des journaux

Quiconque veut exercer la profession de colporteur, de distributeur ou de vendeur, sur la place publique ou tout autre lieu, des publications de médias, doit en faire la déclaration à l'administration du Secteur du lieu de ses activités.

La déclaration doit contenir l'identité et l'adresse complète du déclarant. Il lui est délivré immédiatement un récépissé.

Ingingo ya 42: Ibi**dafatwa nk'ibinyamakuru** byandika

Ntibifatwa nk'ibinyamakuru byandika ibitangazwa bikurikira :

1° ibitangaza inkuru zerekeranye cyane cyane no gushaka cyangwa guteza imbere imikorere y'ibigo by'ubucuruzi, inganda, banki, hamwe n'inyandiko zamamaza cyangwa ziranga;

2° inyandiko zifite intego z'ibanze zo

Article 42: Publications that are not considered as media publications

Are not considered as media publications, the following:

1° publications for the main purpose of searching for or developing transactions for commercial, industrial, bank business and for advertising or promotion instruments;

2° publications with main objective as

Article 42: Publications qui ne sont pas considérées comme publications de médias écrits

Ne sont pas assimilables aux publications de médias écrits, les publications ci-après:

1° les publications visant surtout la promotion et le développement des transactions des entreprises commerciales, industrielles, bancaires et des instruments de publicité ou de réclame;

2° les publications ayant pour objet principal

kwerekana ingengabihe, gahunda, ibiciro, icyitegererezo, ibishushanyombonera n'ibishushanyo ntangazabiciro;	communication of timetables, agendas, quotations, patterns, plans or costs estimates;	la diffusion d'horaires, de programmes, de cotation, de modèles, de plans ou de devis;
3° inyandiko n'ibitangazwa n'inzego z'ubutegetsi;	3° administrative documents and publications;	3° les documents et publications administratives;
4° inyandiko zihariye z'ubushakashatsi, ubuhanzi, umuco, ikoranabuhanga cyangwa iz'umwuga.	4° Specialized publications with research, artistic, cultural, technical or professional aspect.	4° les publications spécialisées à caractère scientifique, artistique, culturel, technique ou professionnel.
UMUTWE WA III: ITANGAZAMAKURU RIKORESHA AMAJWI CYANGWA **AMAJWI N'AMASHUSHO**	CHAPTER III: AUDIOVISUAL MEDIA	CHAPITRE III: MEDIAS AUDIOVISUELS
Icyiciro cya mbere*:* Ubwoko **bw'ibitangazamakuru bikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho n'igitabo** gikubiyemo amasezerano, inshingano **n'uburenganzira bw'ibitangazamakuru** bikoresha amajwi cyangwa amajwi **n'amas**husho	Section One*:* Types of audiovisual media organs and document containing agreement, duties and rights of audiovisual media	Section première*:* **Types d'organes** de médias audiovisuels et document contenant les accords, obligations et droits des organes de médias audio ou audiovisuels
Ingingo ya 43: Ubwoko **bw'ibitangazamakuru bikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho**	Article 43: Types of audiovisual media organs	Article 43**: Types d'organes de** médias audiovisuels
Ibitangazamakuru bikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho mu Rwanda bigabanyijemo ibice bikurikira:	Audiovisual media organs in Rwanda are divided into the following types:	Les organes de médias audiovisuels au Rwanda se subdivisent en catégories suivantes:

1. Ibitangazamakuru bikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho by'ubucuruzi;

2. Ibitangazamakuru bikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho by'amadini yemewe n'amategeko ;

3. Ibitangazamakuru bikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho, by'imiryango itari iya Leta byemewe n'amategeko cyangwa iby'imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda ;

4. Ibitangazamakuru bikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho bya Leta n'iby'abaturage.

1. Commercial audiovisual media organs ;

2. Audiovisual media organs for religious denominations recognized by the law ;

3. Audiovisual media organs for individuals, non-Governmental Organizations and political parties recognized in Rwanda ;

4. Public or community audiovisual media organs.

1. Organes de médias audiovisuels à caractère commercial ;

2. Organes de médias audiovisuels des confessions religieuses reconnues par la loi;

3. Organes de médias audiovisuels privés, des Organisations non gouvernementales et des formations politiques reconnues au Rwanda ;

4. Les organes publics ou communautaires de médias audiovisuels.

Ingingo ya 44: Igitabo gikubiyemo amasezerano, **inshingano n'uburenganzira bw'**ibitangazamakuru bikoresha amajwi **cyangwa amajwi n'amashusho**

Bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa andi mategeko Igihugu kigenderaho, imikorere y'ibitangazamakuru bikoresha amajwi cyangwa ibikoresha amajwi n'amashusho igenwa n'igitabo gikubiyemo imikorere n'inshingano zabyo.

Icyo gitabo gishyirwaho n'Inama Nkuru

Article 44: Document containing the agreement, duties and rights of audiovisual press organs

Without prejudice to provisions of this Law or other laws into force in Rwanda, the functioning of audiovisual media organs shall be governed by the document containing their related functioning and obligations.

The document shall be instituted by the Media

Article 44: Document contenant les accords, obligations et droits des organes de médias audiovisuels

Sans préjudice des dispositions de la présente loi ou d'autres lois en vigueur au Rwanda, le fonctionnement des organes de médias est régi par le document contenant le fonctionnement et obligations y relatifs.

Ce document est élaboré par le Haut Conseil

y'Itangazamakuru.

Icyiciro cya 2: Amasezerano yo gushinga **ikigo cy'itangazamakuru n'imikorere yacyo**

Ingingo ya 45 : Gusaba uruhushya rwo gutangiza igitangazamakuru gikoresha amajwi cyangwa igikoresha amajwi **n'amashusho**

Uruhushya rw'ushaka gutangiza igitangazamakuru gikoresha amajwi cyangwa igikoresha amajwi n'amashusho rutangwa n'Inama Nkuru y'Itangazamakuru nyuma yo gusuzuma dosiye y'uwasabye.

Igitangazamakuru cyemerewe gihabwa inyandiko igaragaza uko kwemererwa, kikanasinyana n'Inama Nkuru y'Itangazamakuru amasezerano yo gukurikiza ibiteganywa mu gitabo kivugwa mu ngingo ya 44 y'iri tegeko mu gihe cy'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa.

Ingingo ya 46: Ibishingirwaho mu gutanga uburenganzira

Uburenganzira bwo gushinga igitangazamakuru gikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho butangwa hasuzumwe inyungu buri mushinga ufitiye abaturage,

High Council.

Section 2: Agreement on establishment of media enterprise and its functioning

Article 45: Request for establishment of an audiovisual organ

The authorization for establishment of an audio-visual organ is granted by the Media High Council after examining the applicant's request.

The authorized media organ is given a document testifying such authorization, and signs with the Media High Council an agreement on fulfilling what is contained in the document provided for by the Article 44 of this Law for a period of five (5) years renewable.

Article 46: Criteria to grant the authorization

The authorization for establishment of an audiovisual media organ is granted after examining the benefits of the project to the population, taking into account basic principles

des Médias.

Section 2**: Accord de création d'une** entreprise de médias et son fonctionnement

Article 45**: Demande de création d'un** organe de médias audiovisuels

L'autorisation de création d'un organe de médias audiovisuels est délivrée par le Haut Conseil des Médias après examen du dossier de demande.

L'organe de médias autorisé reçoit un document certifiant cette autorisation et signe avec le Haut Conseil des Médias un contrat sur le respect des dispositions du document stipulé par l'article 44 de la présente loi pour une période de cinq (5) ans renouvelables.

Article 46**: Critères d'octroi de l'autorisation**

L'autorisation de création d'un organe de médias audiovisuels est délivrée après examen des profits du projet à la population, tout en tenant compte des principes de base de

hitawe ku mpamvu z'ibanze zijyanye no kurengera imiterere, imitekerereze n'imibereho yabo inyuranye.

of preserving their various living conditions, thinking and social welfare.

protection des diverses conditions de vie, de mentalité et du bien être social.

Ingingo ya 47: Gutangiza igitangazamakuru gikoresha amajwi cyangwa amajwi **n'amashusho**

Article 47: Establishment of an audiovisual media organ

Article 47**: Création d'un organe de** médias audiovisuels

Nyuma y'uko nyir'igitangazamakuru n'Inama Nkuru y'Itangazamakuru bashyize umukono ku masezerano, igitangazamakuru gikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho cyahawe uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda kigomba gutangira gukora mu gihe kitarenze amezi cumi n'abiri (12).

After the owner of an audiovisual media organ and the Media High Council have signed the agreement, the media organ that was granted the authorization of operating in Rwanda shall start its operations not later than twelve (12) months.

Après que le propriétaire d'un organe de médias audiovisuels et le Haut Conseil des Médias aient signé le contrat, l'organe de médias audiovisuels autorisé d'opérer au Rwanda doit commencer ses activités dans un délai ne dépassant pas douze (12) mois.

Iyo icyo gihe kirenze, ubwo burenganzira buta agaciro.

At the expiration of this deadline, the authorization is no longer valid.

A l'expiration de ce délai, l'autorisation n'est plus valide.

Ingingo ya 48**: Imikoranire y'Inama Nkuru y'Itangazamakuru n'ikigo gishinzwe** gutanga imiyoboro nsakazamajwi

Article 48 : Relationship between the Media High Council and the Broadcasting Network Agency

Article 48: Rapports entre le Haut Conseil des **Médias et l'Agence** des réseaux de diffusion

Inama Nkuru y'Itangazamakuru imenyesha Ikigo cy'Igihugu gifite imicungire y'imiyoboro nsakazamajwi mu nshingano zacyo uwo yemereye gutangiza igitangazamakuru gikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho kugira ngo ahabwe umuyoboro nsakazamajwi hakurikijwe ibisabwa.

The Media High Council informs the Agency in charge of the broadcasting network about the person authorized to establish an audiovisual press organ to allow him or her to acquire a broadcasting line in respect of the requirements.

Le Haut Conseil des Médias informe l'Agence ayant le réseau de diffusion dans ses attributions de la personne autorisée de créer un organe de médias audiovisuels pour permettre à celle-ci d'avoir une ligne de diffusion conformément aux conditions requises.

Igitangazamakuru cy'abaturage gikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho gihabwa umuyoboro umwe.

A community audiovisual media organ is granted one line

Un organe communautaire de médias audiovisuels reçoit une ligne.

Icyiciro cya 3**: Itangaza n'iyama**maza mu Itangazamakuru rikoresha amajwi cyangwa **amajwi n'amashusho**

Section 3: Publication and advertising in audiovisual media

Section 3: Publication et publicité dans les médias audio ou audiovisuels

Ingingo ya 49 *:* **Itangaza n'iyamamaza**

Article 49*:*Publication and advertising

Article 49 *:* Publication et publicité

Itangaza n'iyamamaza mu itangazamakuru rikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho bikurikiza ibikubiye mu ngingo ya 31, iya 32, iya 33, iya 34 n'iya 35 z'iri tegeko.

Advertising and publication in audiovisual media are governed by provisions of Article 31, 32, 33, 34 and 35 of this Law.

La publicité et la publication dans les médias audio ou audiovisuels sont régies par les dispositions de l'article 31, 32, 33, 34 et 35 de la présente loi.

Ingingo ya 50 *:* Gufata amafoto

Article 50 *:* Taking photos

Article 50 *:* Prise de photos

Abanyamakuru bafata amafoto bahabwa uruhushya n'Inama Nkuru y'Itangazamakuru.

Camera journalists are granted the authorization by the Media High Council.

Les journalistes photographes reçoivent l'autorisation y relative du Haut Conseil des Médias.

Ingingo ya 51: Kwamamaza ku bitangazamakuru bikoresha amajwi **cyangwa amajwi n'amashusho by'imiryango itari iya Leta, iby'amadini n'iby'Imitwe ya** Politiki

Article 51 : Advertising for audiovisual media organs of Non government, religious and political organisations

Article 51: Publicité pour les organes de médias audiovisuels des organisations non gouvernementales, des confessions religieuses et des formations politiques

Ibitangazamakuru bikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho by'imiryango itari iya Leta, iby'amadini n'iby'Imitwe ya politiki

Audiovisual media organs of non governmental organizations, religious and political organisations recognized by the law are not

Il est interdit aux organes de médias audiovisuels des organisations non gouvernementales, des confessions religieuses

byemewe n'amategeko ntibyemerewe kwamamaza.

allowed to advertise.

et des formations politiques reconnues par la loi de faire la publicité.

Icyakora, ibyo bitangazamakuru bishobora kwamamaza gusa mu buryo bugenwa n'Inama Nkuru y'Itangazamakuru.

However, such media organs are allowed to advertise in accordance with provisions of the Media High Council.

Toutefois, ces organes de médias peuvent uniquement faire la publicité conformément aux modalités prévues par le Haut Conseil des Médias.

Icyiciro cya 4: Inshingano zihariye **z'ibitan**gazamakuru bikoresha amajwi **cyangwa amajwi n'amashusho**

Section 4: Special duties of audiovisual media organs

Section 4: Obligations particulières des organes de médias audiovisuels

Ingingo ya 52: Imigabane muri sosiyete **y'igitangazamakuru gikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho**

Article 52 : Shares in an audiovisual media organs

Article 52: Actions dans une société de médias audiovisuels

Ntawemerewe kuba umunyamuryangoshingiro muri sosiyete y'ibitangazamakuru bikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho birenze kimwe.

No person shall be allowed to be the main shareholder in more than one audiovisual media company.

Personne n'est autorisée à être actionnaire principal dans plus d'une société de médias audiovisuels.

Ingingo ya 53: Gusaba gusubukura amasezerano yo gukoresha igitangazamakuru gikoresha amajwi **cyangwa amajwi n'amashusho**

Article 53: Request for renewing the agreement to operate an audiovisual media organ

Article 53: Demande de renouvellement du **permis d'exploitation d'un organe de** médias audiovisuels

Gusaba gusubukura amasezerano yo gukoresha ibitangazamakuru bikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho bikorerwa mu Nama Nkuru y'Itangazamakuru nibura hasigaye amezi atandatu (6) ngo uruhushya

Request for renewing the agreement to operate audiovisual media organs is done at the Media High Council at least six (6) months before the expiration of the current authorization.

La demande de renouvellement du permis d'exploitation d'un organe de médias audiovisuels se fait au Haut Conseil des Médias au moins six (6) mois avant l'expiration du permis en cours.

rusanzwe rurangire.

Ingingo ya 54**: Guhitisha gahunda z'ikindi** gitangazamakuru

Igitangazamakuru gikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho gishobora guhitisha ku muyoboro wacyo gahunda y'ikindi gitangazamakuru gikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho mu buryo bugenwa n'Inama Nkuru y'Itangazamakuru.

Article 54: Broadcasting another media **organ's programs**

An audio-visual media organ can broadcast on its line a program of another audiovisual media organ in accordance with provisions of the Media High Council.

Article 54**: Diffusion des programmes d'un** autre organe de médias

Un organe de médias audiovisuels peut diffuser à travers sa ligne un programme d'un autre organe de médias audiovisuels conformément aux dispositions établies par le Haut Conseil des Médias.

Ingingo ya 55: Kubahiriza uburenganzira **bw'umutungo mu by'ubwenge**

Buri gitangazamakuru gikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho kigomba kubahiriza uburenganzira bw'umutungo mu by'ubwenge. Iyubahirizwa ry'ishyirwa mu bikorwa ry'iyi ngingo rikurikiza amategeko agenga uburenganzira bw'umutungo mu by'ubwenge.

Article 55: Respect of the rights of intellectual property

Every audiovisual media organ shall observe the rights of intellectual property. The enforcement of this Article is governed by the Law governing intellectual property.

Article 55: Respect des droits de la propriété intellectuelle

Chaque organe de médias audiovisuels doit respecter les droits de la propriété intellectuelle. La mise en oeuvre du présent article est régie par la loi sur les droits d'auteur.

UMUTWE WA IV: ITANGAZAMAKURU RIKORESHA IKORANABUHANGA MU ITUMANAHO CYANGWA INTERINETI

Ingingo ya 56: Uburenganzira bwo gukora urubuga rwa interineti

Buri muntu wese afite uburenganzira bwo

CHAPTER IV: ICT OR INTERNET PRESS

Article 56: Right to a website

Every person has right to receive, disseminate

CHAPTER IV: MEDIAS UTILISANT LA **TECHNOLOGIE DE L'INFO**RMATION ET DE LA COMMUNICATION OU INTERNET

Article 56: Droit au site internet

Toute personne a le droit de recevoir, publier

kwakira, kunyuza, cyangwa kohereza amakuru kuri interineti. Afite uburenganzira bwo gukora urubuga rwe rwa interineti anyuzaho amakuru ashaka ko agera ku bantu benshi. Gushyira cyangwa kohereza inkuru kuri interineti ntibisaba ko ubikoze aba ari umunyamakuru w'umwuga.

and send information through internet. He/she has full right to create his/her own website through which he/she publishes the information to a great number of people. Posting or sending information through the internet does not require the owner to be a professional journalist.

et envoyer des informations à travers le site internet. Il a le droit de créer son propre site internet par lequel il publie l'information destinée à la masse. Poster ou envoyer l'information via Internet n'exigent pas que l'on soit journaliste de profession.

Ingingo ya 57: Kuyungurura urubuga **rw'urukozasoni**

Abantu bafite ahantu rusange hakoreshwa mu kugera ku murongo wa interineti bagomba kuyungurura cyangwa gufunga urubuga rw'urukozasoni igihe abakoresha interineti abo aribo bose bashoboye kurubona.

Umuntu wese ufite urugo cyangwa ibiro byahawe umurongo wa interineti ategetswe kurinda umwana utarageza ku myaka cumi n'umunani (18) gufungura imiyoboro ya interineti yamamaza cyangwa ishishikariza abantu ubusambanyi, ibiyobyabwenge n'ibindi bikorwa by'urukozasoni cyangwa ibyogeza ubwomanzi n'ubujura.

Article 57: Screening of pornographic websites

All owners of internet cafes shall screen or block pornographic websites when any internet users have access to those websites

Any person connected to internet at home or at office must protect minor under (18) years old from opening websites advertising or leading to fornication, vagrancy, drug use and other worst actions of sex work or theft.

Article 57: Filtrage des sites pornographiques

Tous les propriétaires des cybercafés doivent filtrer ou fermer les sites pornographiques quand les utilisateurs d'Internet sont capables d'accéder à ces sites.

Toute personne connectée à l'Internet à la maison ou au bureau doit protéger un mineur de moins de dix huit (18) ans d'avoir accès aux sites web qui publient ou incitent à la fornication, vagabondage, l'usage des drogues ou autres actions honteuses telle que la prostitution et le vol.

Ingingo ya 58 **: Ikurikizwa ry'ingingo** zerekeye itangazamakuru ryandika **n'irikoresha amajwi cyangwa amajwi n'**amashusho

Ingingo z'iri tegeko zerekeye itangazamakuru ryandika n'irikoresha amajwi cyangwa amajwi n'amashusho zikurikizwa no mu byerekeye amakuru atangazwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga.

Article 58 : Enforcement of provisions governing printed press and audiovisual press

Provisions of this Law relating to the printed press and audiovisual media shall also apply on information published using ICT.

Article 58 : Application des dispositions régissant les médias écrits et les médias audio ou audiovisuels

Les dispositions de la présente loi en rapport avec les médias écrits et les médias audio ou audiovisuels s'appliquent également à l'information publiée en utilisant les technologies de l'information et de la communication.

UMUTWE WA V : UBURENGANZIRA BWO GUKOSORA, GUSUBIZA NO KUGORORA

CHAPTER V: RIGHT OF CORRECTION, REPLY AND RECTIFICATION

CHAPITRE V: DROIT DE CORRECTION, DE REPONSE ET DE RECTIFICATION

Icyiciro cya mbere : Uburenganzira bwo gukosora, gusubiza no kugorora mu itangazamakuru ryanditse

Section One: Right of correction, reply and rectification in print press

Section première: Droit de correction, de réponse et de rectification dans les médias écrits

Akiciro ka mbere : Ingingo rusange ku **ikosora, isubiza n'igorora**

Sub-section One: Common provisions to correction, reply and rectification

Sous-section première: Dispositions communes à la correction, à la réponse et à la rectification

Ingingo ya 59: Uburenganzira bwo gusaba gukosora, gusubiza cyangwa kugorora

Umuntu wese cyangwa amashyirahamwe n'imiryango yemewe n'amategeko bifite uburenganzira bwo gusaba gukosora, gusubiza

Article 59: Right of correction, reply or rectification

Any person or legal association has a right to apply for correction, reply or rectify a publication in a press organ within a period not

Article 59: Droit de correction, de réponse ou de rectification

Sauf en cas de force majeure, toute personne physique ou morale reconnue par la loi jouit du droit de demande de correction, de réponse ou

cyangwa kugorora inyandiko iri mu gitangazamakuru mu gihe kitarengeje iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe inomero yasohokeye, keretse iyo hari inzitizi zikomeye.

exceeding 30 days from the day the publication is out except in case of force majeure.

de rectification d'un article paru dans une publication dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la parution de l'article.

Gusaba gukosora, gusubiza cyangwa kugorora bishyikirizwa Umuyobozi w'Ikinyamakuru mu rwandiko rushinganye cyangwa se urwandiko rutanzwe urwakiriye akarutangira icyemezo cy'iyakira.

Request for correction, reply or rectification are sent to the Publishing Director by registered letter or by ordinary mail with acknowledgement receipt.

La demande de correction, de réponse ou de rectification est adressée au Directeur de publication par lettre recommandée ou par courrier ordinaire avec accusé de réception.

Ingingo ya 60: Uburenganzira **bw'uwabangamiwe n'ikinyamakuru**

Article 60: Right of the injured party

Article 60**: Droit d'une perso**nne préjudiciée par une publication

Iyo umuyobozi w'ikinyamakuru yanze gutangaza ikosora, isubiza cyangwa igorora, uwabangamiwe n'icyo kinyamakuru ashobora, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30), kugeza ikibazo cye ku Nama Nkuru y'Itangazamakuru, nayo igatanga umwanzuro wayo mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi uhereye umunsi ikibazo cyakiriweho.

Where a Publishing Director refuses to insert a correction, reply or rectification, the injured party may, within a period not exceeding thirty (30) days, introduce his / her complaint to the Media High Council, which in turn takes a decision thereof within a period not exceeding three (3) working days from the day the complaint was received.

Lorsque le Directeur de publication refuse d'insérer une correction, une réponse ou une rectification, la personne lésée peut, dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours, faire parvenir sa requête au Haut Conseil des Médias, qui doit à son tour statuer sur l'affaire dans un délai ne dépassant pas trois (3) jours ouvrables à compter de la date de réception de la requête.

Mu gihe uwatanze ikibazo atanyuzwe n'imyanzuro y'Inama Nkuru y'Itangazamakuru, ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha.

Where the applicant is not satisfied with the decisions of the Media High Council, he / she shall refer the matter to the competent court.

Lorsque l'intéressé n'est pas satisfait de la décision du Haut Conseil des Médias, il peut saisir la juridiction compétente.

Ingingo ya 61 : Ibidafatwa nko kwanga gukosora, gusubiza cyangwa kugorora

Ntibifatwa nko kwanga gukosora, gusubiza cyangwa kugorora, igikorwa cyo gutangaza inomero idasanzwe y'ikinyamakuru itarimo inyandiko ikosora, isubiza cyangwa igorora.

Article 61: Behaviour not assimilated to refusal of correction, reply or rectification

The fact of publishing a special edition in which are missing the correction, reply or rectification shall not be assimilated to refusal of correction, reply or rectification.

Article 61: Attitude non assimilée au refus de correction, de réponse ou de rectification

Ne peut être assimilée au refus de correction, de réponse ou de rectification, la publication d'une édition spéciale d'où serait retranchée la correction, la réponse ou la rectification.

Akiciro ka 2: Uburenganzira bwo gukosora

Sub-section 2: Right of correction

Sous-section 2: Droit de correction

Ingingo ya 62 **: Itangazwa ry'inyandiko** zikosora

Umuyobozi w'ikinyamakuru agomba gushyira mu nomero y'ikinyamakuru ikurikira, inyandiko ikosora ibyatangajwe atari byo. Iyo nyandiko ntiyishyuzwa.

Article 62: Publication of corrections

The Publishing Director is required to insert in the next issue copy without any fees, an article correcting facts which were inaccurately reported.

Article 62 : Publication de corrections

Le Directeur de publication est tenu d'insérer dans le plus prochain numéro, les corrections des faits qui y ont été inexactement rapportés. Cette insertion est gratuite.

Ingingo ya 63**: Umwanya n'ingano by'inyandiko ikosora**

